

# Thimba atabara !


Penelope Smith

Tr. Francine Muhawenimana

Catherine Groenewald


Kinyarwanda



Gobani yari umuntu muremure cyane. Abaturage bitaga  Gobani Umugwaneza witonze, kuko yari atuje kandi afite urugwiro. Ntabwo yari ameze nkibihangange bibi wasomye mu nkuru zimwe.

Ku manywa Gobani yakoraga mu busitani bwe. Isuka ye yari ngufi cyane kandi yagombaga kunama hasi kugirango akore. Umugongo we ugomba kuba warababajwe no kunama hasi.



Thimba yari aturanye na Gobani.
Byaramubabaje kubona Gobani arwana n’isuka ngufi, cyangwa yunamye kugira ngo anyure mu muryango we.

Thimba yahisemo gufasha Gobani. Yavuganye n’abakuru b’imidugudu abasaba ubufasha. Ariko mbere yuko bafasha, bari bakeneye kumenya neza uburebure bwa Gobani.



Thimba yabajije Gobani, “Ufite uburebure bungana iki?”  Gobani yagereranije, “Ndi nka metero 2,5 z’uburebure." Aryama K’uburiri arasobanura ati: "Nziko matela yanjye ifite uburebure bwa metero 1,5. Urashobora kubona ko amaguru yanjye amanutse kumpera byibura indi metero.  Ibyo rero bivuze ko ngomba kuba byibura mfite metero 2,5 z’uburebure.”

Thimba noneho yashoboraga kubwira abakuru ko Gobani afite uburebure bwa 2,5. Yari muremure cyane!



Thimba noneho ashobora gutangira gukora kuri gahunda ye y'ibanga.

Thimba, Gobani, n'inkoko ye bagiye ku isoko ku igare rito rya Gobani.  Gobani yagombaga kuzamura ibirenge hejuru y'amahembe. Thimba yihishe mu gitebo, agira ubwoba bwinshi cyane ku buryo atareba umuhanda uko igare ryanyeganyega uruhande numwe.



Ku karubanda, Gobani yavuye ku igare rye, maze abaturage benshi b'inshuti baramugose. Umuyobozi w'umudugudu yaramwakiriye. Ati: "Uraho witonze igihangange." "Umusore Thimba yatubwiye ko uhura n'ibibazo mu buzima bwawe, kuba muremure cyane."

"Turashaka kugufasha. Tuzareba neza ko ibyo ukeneye byose ari ibipimo bikwiye kuri wowe. Vuba ibibazo byawe bizashira. Tegereza gusa urebe."




Abaturage bakoraga amasaha yose kugira ngo barebe ko ibyo Gobani yari akeneye byose byakozwe neza.

Reba isuka ye nshya.  Gereranya ubure bure Bw'isuka shya niya kera ishya isa nkiyikubye kabiri.



Ubukurikira abaturage bafashaga Gobani kubaka urugi rurerure rufite umuryango mushya w’inzu ye.  Byari birebire kurenza Gobani, ku buryo atagikeneye kunama ngo yinjire.  Nibyo!




Ubukurikira haje uburiri bushya na matela hamwe amashuka maremare n’ibiringiti byo gupfuka umubiri muremure wa Gobani kuva kumutwe kugeza ku birenge.

Ubwanyuma, yashoboraga gutegereza amasaha yo kuruhuka amahoro no gusinzira. Ibirenge bye ntibizongera kumanikwa hejuru ya matela.  Reba uko umubiri we wose utwikiriwerwose.  Hariho n’umwanya usigaye.



Umutware yasabye umwe mu bakozi bo mu cyaro gukorera Gobani igare rinini. Ryari rifite igitebo kinini cyane kugirango Thimba n'inkoko bicaremo.

Intebe, amahembe hamwe n'ibindi bifite uburebure bukwiye. Gobani ntiyagombaga gukurura amaguru kumuhanda cyangwa kuzunguruka hejuru y'amahembe kugira ngo akomeze inzira.



Ababaji bakoreye Gobani ameza mashya anjyannye n’amaguru maremare. Noneho iyo yicaye arya ibirenge bye bikora hasi.

Thimba yicaye iruhande rwe ku ntebe ndende cyane. Akeneye urwego kugirango agere hejuru.



Isuka shya ya Gobani yamworohereje guhinga no gusarura.  Ubusitani bwe bwabaye ishyamba.  Gobani yasize ibitebo byimbuto hanze yumuryango we kugirango yerekane uburyo ashimira ubufasha bwabo.

Kandi ibi byose byatangiranye n'inzozi za Thimba zorohereza ubuzima inshuti ye, Umugwaneza witonze.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

**Thimba atabara !**

**Umwanditsi** -- Cornelius Gulere
**Kumenyera** -- Penelope Smith
**Ubuhinduzi** - Francine Muhawenimana
**Icyitegererezo** -- Catherine Groenewald
**Ururimi** - Ikinyarwanda
**Urwego** -- Soma n'ijwi rirenga

© African Storybook Initiative, 2017
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org
Inkomoko yumwimerere www.ugcla.org

2023.07.06